CCIJ Canadian Centre for International Justice
Centre canadien pour la justice internationale CCJI

UBUTABERA MU KUTUBAHIRIZA UBURENGANZIRA BW'IKIREMWAMUNTU: NI GUTE CCIJ YASHOBORA KUGUFASHA?

ESE CCIJ NIKI?

Canadian Centre for International Justice ni umuryango w'igihugu, w'abagiraneza kandi wita ku burenganzira bw'ikiremwamununtu, ukaba ufite icyicaro cyawo muri Ottawa. CCIJ ikorana n'abacitse kw'icumu, iyicwa-rubozo n'ibindi bikorwa bibi mu gushaka ubutabera no gufata ba nyiri ugukora ayo mashyano ko aribo bashinjwa ubwo bwicanyi. Turi agatsiko kigenga, kadaharanira inyungu kandi ntaho duhuriye na guverinoma yo muri Canada.

ESE NI NDE WAFASHWA NA SERVISI ZA CCIJ?

Abakiliya ba CCIJ ni abacitse ku icumu ry'ukugirirwa nabi kw'ikiremwa muntu cyangwa abantu bafitanye isano cyane n'abagiriwe nabi bagapfa bitewe n'ukugirirwa nabi kw'ikiremwa muntu cyangwa se bitari ibyo bakaba badafite uburyo bwo kubitumenyesha.

ESE CCIJ IKORA IKI?

Umuryango CCIJ ukora nka centre y'isoko mu gutanga amakuru ku bakiliya bacu kubyerekeranye n'ihitamo ryabo mu gukurikira ubutabera kandi ikabafasha gupima ibishoboka bihwitse. Kandi dushaka gufata abagizi ba nabi kugirango bazaryozwe ubwicanyi bakoze. Iyo CCIJ ibonye amakuru avugako umuntu wangije uburenganzira bw'ikiremwamuntu ari kuba cyangwa yaje gusura igihugu cya Canada cyangwa se ari uruganda cyangwa itsinda rikora ubucuruzi hano, dushobora gutangiza ipererereza. Kenshi, uburyo bw'ubutabera dukunze bw'umukiriya ni kugira urubanza rwemewe n'amategeko k'ukekwa kuba yarakoze amahano. Nyuma yaho CCIJ imaze gukoresha ipererereza ry'ibanze, niba umukiriya yifuza gukurikirana urubanza cyangwa se ikindi gikorwa, CCIJ izohereza umukiriya ku bantu babishinzwe cyangwa se ibiro nyabyo kugirango bakomeze gukurikirana icyo gikorwa. Umuryango CCIJ ntabwo uguhagararira mu bijyanye n'imanza ariko ukomeza kwivanga muri buri dosiye kandi iherekeza umukiriya muri ibyo bikorwa.

NI IZIHE NZIRA Z'UBUTABERA UMUKIRIYA ASHOBORA GUKURIKIRA?

CCIJ ishobora gufasha abakiriya mu gukurikira inzira zikurikira z'ubutabera:

KUBURANISHWA KU BYAHA MURI CANADA NO MU BINDI BIHUGU – Umuryango CCIJ ukora ikurikiranwa / ipererereza rishobora kuba ryakoherezwa kuri guvernoma ya Canada, guverinoma z'amahanga cyangwa ku nkiko mpuzamahanga zishinzwe abatubahiriza ikiremwa muntu. Iyo ipererereza ribonye ibimenyetso bikwiye kandi n'umukiriya yifuza gukomeza iburanisha ry'icyaha, tuzavugana n'abategetsi babishinzwe. Niba guverinoma cyangwa se urukiko rugaragaje ubushake mu gukora urubanza, CCIJ izahuza umukiriya hamwe n'abategetsi babishinzwe maze babahe ibimenyetso twashyize hamwe. Igihe dosiye yoherejewe kuri guverinoma cyangwa urukiko, tuzakomeza gukurikirana neza ko urubanza rurimo rukorwa mu buryo buhwitse kandi buhamye hanyuma mu gihe bikwiye dutange n'inama ku bacamanza igihe ari ngombwa.

IMANZA MBONEZAMUBANO MURI CANADA – CCIJ ikoresha ipererereza rishobora kugeza mu gutanga ikirego cy'imanza zishaka indishyi z'abakiriya. Niba ipererereza ribonye ibimenyetso bihagije kandi umukiriya ashaka gukurikirana imanza mbonezamubano, tuzafasha umukiriya kubona avocat wajya kurega kandi agakurikirana dosiye atatse amafaranga y'urubanza.

GUHEREREKANYA UKURIKIRANWA – CCIJ ishyigikiye dosiye z'amahanga cyangwa mpuzamahanga hakurikijwe ibyifuzo by'umukiriya cyangwa igihe Canada itabishaka cyangwa idashoboye guca urubanza. CCIJ kandi ishyigikira ukuzana inkozi z'ibibi muri Canada kugirango bakurikiranwe ibyaha mugihe ibindi bihugu bitabishaka cyangwa bidashoboye kugira icyo bikora.

KWAKA UBWENEGIHUGU, GUSUBIZWA IWABO NO KWIRUKANWA CCIJ ishyigikira ibihano bitangwa n'abashinze abinjira n'abasohoka ku bakoze ibyaha by'uburenganzira bw'ikiremwamuntu gusa nk'amahitamo ya nyuma iyo nta bundi

buryo bw'ubutabera buhari. CCIJ ntishyigikira ugusubizwa iwabo kwatuma beneyo bagirirwa nabi kurusha ku bijyanye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu cyangwa kwemerera abagizi ba nabi gusiba gukurikiranwa n'ubutabera.

INDISHYI KU BA KIRIYA CCIJ ifasha abakiriya mu gukurikirana indishyi biciye mu kigega gifasha abahohotewe.

GAHUNDA ZAMAMAZA CCIJ ikoresha ibikorwa bibera ahagaragara mu gushyira ku karubanda ibibazo byo kudahana no kuba hari abatubahiriza ikiremwa muntu mu gihugu cya Canada.

NI UBUHE BWOKO BW'ABAGIZI BA NABI KU BURENGANZIRA BW'IKIREMWA CCIJ IKORAHO IPEREREZA?

Amapererezа menshi ya CCIJ arebana n'ababantu bashinjwa kuba batarubahirije uburenganzira bw'ibikiremwa muntu. Dukora kandi iperereza ku bugizi bwa nabi bwakozwe na guverinoma z'amahanga, guverinoma ya Canada, imiryango n'andi mashyirahamwe, nk'urugero ingabo z'inyeshyamba cyangwa udutsiko tw'ingabo zigenga.

NI UBUHE BWOKO BW'AMAKOSA CCIJ IKORAHO IPEREREZA?

Birababaje, CCIJ ntabwo ishobora gukora iperereza kuri buri bwoko bw'ibyaha. Dufite ubushobozi buke kandi dushobora gusa kwita ku mubare muke w'ibibazo biriho. Ibyaha by'ikiremwa muntu dukoraho iperereza ni ibigaragara mu isi ko ari ibikomeye cyane. Bigarukira gusa ku bikorwa byo kwica urubozo, ibi bivuze gufatwa nabi bikomeye n'abakozi ba guverinoma, iyo umuntu ari mu munyururu, n'ubwicanyi bujya munkiko nkuru, ibi bivuze ubwicanyi bwakozwe n'abakozi ba guverinoma. Niba umuntu yararokotse iyicwarubozo cyangwa se ibindi bikorwa bibi bikabije byakozwe n'abakozi ba guverinoma, CCIJ ishobora kuba yafasha uwo muntu. Niba umuntu afite isano ya hafi n'uwishwe na guverinoma, ingabo zigenga cyangwa se z'inyeshyamba, CCIJ ishobora kuba yatangiza iperereza.

UMUKIRIYA AGOMBA GUKORA IKI IYO DOSIYE ITANGIYE?

Inshingano z'umukiriya ziterwa n'ubwoko bwa dosiye cyangwa igikorwa umukiriya ahisemo gukurikirana. Mu madosiye yose, umukiriya azaha CCIJ amakuru kugiti cye kandi arambuye yerekeranye n'inkuru y'umukiriya. Tuzi neza uburyo bishobora kuba bikomeye kuvuga ibintu bihahamura nkibyo, kubera iyo mpamvu tuzakurikira ibyo umukiriya atubwiye. Kandi duhitamo bishobotse, gufashwa n'umukiriya mu kubona abahamya n'ibimenyetso. CCIJ ifite amategeko akomeye mu kurinda ibanga. Ntibiri mu bushake bwacu kumena amabanga y'ibiranga abakiriya, abahamya cyangwa se izindi contacts cyangwa andi makuru y'ibanga batanga tudafite uruhusa rwabo, nubwo igihe cyose byashoboka ko urukiko rushobora kudutegeka gutanga ayo makuru. Byaba ko umukiliya yiyemeza kuburanishwa ku byaha, imanza mbonezamubano cyangwa se iyindi dosiye y'urubanza, umukiriya bisa nkaho rwose cyane azagomba gutanga ubuhamya mu rukiko imbere y'umucamanza. Rimwe na rimwe birashoboka ko ibiranga abakiriya biba ibanga ntibishyirwe ku mugaragaro, ariko uwakoze bibi uregwa akaba ashinjwa icyaha muri dosiye, afite uburenganzira bwo kumenya amazina y'abagabo batanga ubuhamya.

ESE ABAKIRIYA BAHABWA AMAFARANGA MU KUBA BAFASHA MURI DOSIYE?

Niba umukiriya akurikiranye imanza mbonezamubano cyangwa izindi ndishyi, hari igihe haba ishaba ko umukiriya yabona amafaranga ariko kubikora gutyo biragoye. Nta cyemeza ko umukiriya azaronka indishyi.

ESE DOSIYE ITWARA IGIHE KINGANA IKI?

Mubisanzwe dosiye y'urukiko yose itwara igihe kirekire mu gufata umwanzuro. Iperereza rya mbere rya CCIJ rishobora gutwara amezi menshi cyangwa umwaka. Gutanga ikirego nabyo kenshi bitwara amezi menshi. Iyo ikirego cyatanzwe, igihe bitwara giterwa n'uburyo uregwa afite umurego mu kurwanya ikirego. Bitari nibyo ariko, dosiye yose isa nk'iyatwara byibuze imyaka itatu cyangwa ine kandi ishobora kurenzaho kurusha iyo myaka. Umukiriya byashoboka ko azamara iminsi 10 buri mwaka akorana na CCIJ na ba avocats, atanga ubuhamya, ajya ku rukiko kandi akora n'indi mirimo yose ijyanye na dosiye. Ibindi bikorwa byose bitari ibirego by'imanza bishobora kuba byatwara igihe gito.

ESE UMUKIRIYA AGOMBA GUTANGA AMAFRANYA KUGIRANGO HABE IPEREREZA CYANGWA GUTANGIRA DOSIYE Y'URUBANZA?

Oya. CCIJ cyangwa abandi ba avocats cyangwa abakozi bashobora kuriha ibikenewe byose bijyanye n'iperereza cyangwa se na dosiye.

Kugirango uvugane na CCIJ, usabwe kuvugana n'Umuhuzabikorwa w'Imanza ariwe, Matt Eisenbrandt:
Kuri telefoni: (613) 744-7667 ext. 266
Kuri email: meisenbrandt@ccij.ca
Mu iposita: 312 Laurier Avenue East
Ottawa, Ontario K1N 1H9

Nimero y'Imfashanyo:
86575 9088 RR 0001

The Law Foundation of Ontario
Building a better foundation for justice in Ontario

Produced with support from
the Law Foundation of Ontario